Our Ref : 054/RRA/DTD/2023
Your Ref :

Date : 24 MAR 2023

**ITANGAZO:**

Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro (RRA) cyongeye kumenyesha abasora bose ko itariki ntarengwa yo kumenyekanisha no kwishyura umusoro ku nyungu z'ubucuruzi zabonetse muri 2022 ari tariki ya 31/3/2023.

Ni muri urwo rwego cyashyizeho uburyo bunyuranye ku basora, mu byiciro byabo, kugirango boroherezwe kumenyekanisha no kwishyura uwo musoro.

1. **Ku bamotari:**

- Turabakangurira gukoresha ikoranabuhanga mu kumenyekanisha, bakanda ***800#** bagakurikiza amabwiriza.
- Kubatazobereye ikoranabuhanga, mushobora kugana uwabihuguriwe kuri buri murenge, ku maseta mukoreraho.

2. **Ku bandi basora:**

Turabamenyesha ko mushobora kumenyekanisha no kwishyura umusoro mukoresheje ikoranabuhanga rya "E-Tax na E-Payment" nk'uko bisanzwe. Ku bakeneye ubufasha mwagana ibiro bikurikira:

- Mu mujyi wa Kigali, ku kicaro gikuru cy'Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro, hafunguwe icyumba bajya bakiririrwamo.
- Muri buri Karere, abagize ikibazo bari kumenyekanisha basabwe kujya bagana ibiro by'Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro biherereye muri buri Karere.

Abasora barashishikarizwa kumenyekanisha no kwishyura umusoro ku nyungu za 2022 hakiri kare kugirango abakenera ubufasha kuri RRA babubone mu gihe gikwiriye.

Ku bindi bisobanuro, mwaduhamagara ku murongo utishyurwa 3004.

For **BATAMULIZA Hajara**
**Komiseri Ushinzwe Imisoro y'Imbere mu Gihugu**

RWANDA REVENUE AUTHORITY
RRA
P.O BOX 3987 KIGALI

**Adrien KINYUNGUTI**
*Assistant Commissioner in charge of Filling and Payment Monitoring Division*